ITANGAZO

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) ku nkunga y'Umuryango *TradeMark East Africa* (TMEA) cyateguye amahugurwa agamije kongerera ubushobozi Inzego z'Abikorera bujyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'Amabwiriza y'Ubuziranenge Mpuzamahanga y'Imicungire n'Imikorere Myiza azwi nka "ISO 9001 Quality Management System — Requirements (QMS)". Aya mahugurwa akazatangwa n'Ikigo cy'Ubwongereza Gitsura Ubuziranenge (BSI), gishingiye ku masezerano y'ubufatanye na RSB.

ISO 9001 Quality Management System ni Amabwiriza y'Ubuziranenge Mpuzamahanga akoreshwa n'inzego zose, zirimo iz'abakora ubucuruzi, inganda, abatanga serivisi zitandukanye, amashuri, ibigo binini n'ibiciriritse byaba iby'abikorera cyangwa ibya Leta. Akaba agamije gufasha ibigo mu gukora ibicuruzwa no gutanga serivisi zihuje n'ibyifuzo by'abakiriya babyo mu buryo burambye. Ibizigwaho muri aya mahugurwa ni ibi bikurikira:

- Uko wahangana ku isoko ukoresheje ubwiza bwa serivisi cyangwa bw'ibicuruzwa;
- Incamake y'ibisabwa n'amabwiriza ya ISO 9001 — QMS;
- Uko washyira mu bikorwa aya mabwiriza;
- Ibisabwa ngo ubone ikirango na seritifika ya ISO 9001 — QMS n'inyungu bitanga;
- Imbogamizi wahura na zo mu gushyira mu bikorwa ISO 9001 — QMS;
- Uko wakubaka ubushobozi bw'ikigo cyawe hakurikijwe ISO 9001 — QMS;
- Gahunda ya RSB yo gutanga ikirango na seritifika ya ISO 9001 — QMS.

Ibigo n'inganda byifuza kuzitabira aya mahugurwa birasabwa kuzuza ifishi yabugenewe iboneka ku rubuga rwa RSB arirwo www.rsb.gov.rw cyangwa bakayisanga ku Biro Bikuru bya RSB biherereye Kicukiro-Centre, kuri 49 KK 15 RD. Aya mahugurwa azaba tariki ya 19/05/2015 kuva saa 8:30 za mugitondo, abujuje ifishi yavuzwe haruguru bazamenyeshwa aho amahugurwa azabera hifashishijwe aderesi yabo bazaba batanze.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara ku murongo utishyurwa wa RSB ariwo **3250**

Bikorewe i Kigali kuwa 4/5/2015

Dr. Mark Cyubahiro Bagabe
Director General